

**UBUTUMWA BWA PAPA FRANSISKO
BUGENEWE UMUNSI MPUZAMAHANGA
W'IYOGEZABUTUMWA KU NSHURO YA 98**

Nimugende mutumire bose mu bukwe (reba Mt 22,9)



Ku wa 20 Ukwakira 2024

**UBUTUMWA BWA PAPA FRANSISIKO
BUGENEWE UMUNSI MPUZAMAHANGA
W'IYOGEZABUTUMWA KU NSHURO YA 98**

Nimugende mutumire bose mu bukwe (reba Mt 22,9)

Bavandimwe!

Mu guhimbaza Umunsi Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa uyu mwaka, nahisemo insanganyamatsiko y'umugani w'ubukwe dusanga mu Ivanjili (reba Mt 22, 1-14). Nyuma y'uko abatumirwa banze kwitabira ubutumire, Umwami, ari we uyu mugani ushingiyeho, yabwiye abagaragu be ati: «Nimugende rero mu mayirabiri, mutumire mu bukwe abantu bose muhura » (Mt 22, 9). Mu kuzirikana kuri iyi ngingo remezo, tugendeye ku mugani ubwawo n'ubuzima bwa Yezu, dushobora kugaragaza ingingo zimwe na zimwe z'ingenzi mu kwamamaza Ivanjili. Izo ngingo by'umwihariko ziratureba muri iki gihe, twebwe abogezabutumwa ba Yezu Kristu, muri iki cyiciro cya nyuma cy'urugendo rwa Sinodi, nk'uko intego yayo ibivuga igira iti: Tugendere hamwe mu *bumwe, ubufatanye*, n'*ubutumwa*, ari nacyo kizinjiza Kiliziya mu butumwa bw'ingenzi bwo kwamamaza Ivanjili muri iki gihe tugezemo.

1. "Nimugende kandi mutumire". Iyogezabutumwa nk'igikorwa cyo kugenda no gutumira ubutarambirwa mu birori bya Nyagasani.

Mu ntangiriro y'itegeko Umwami yahaye abagaragu be, hari inshinga ebyiri zisobanura ipfundo ry'iyogezabutumwa. "*Mugende*" kandi "*muhamagare*" byumvikanisha "*ugutumira*".

Ku birebana no kohereza, ni ngombwa kwibutsa ko abagaragu bari boherejwe mbere gutanga ubutumire (reba Mt 22,3-4). Ibyo bitwumvisha ko Iyogezabutumwa ari ugusohoka ubutarambirwa dusanga abantu, ngo tubahamagarire guhura no gusabana n'Imana, mbisubiyemo ubutarambirwa. Imana ikungahaye ku rukundo kandi yuje impuhwe, ihora iteka isanga buri muntu kugira ngo imuhamagarire ihirwe ry'Ingoma yayo, nta gucibwa intege n'uko bamwe babyirengagiza, abandi bakabyanga. Ni muri urwo rwego, Yezu Kristu Umushumba mwiza kandi we Ntumwa nyakuri y'Imana Data, yajyaga gushakisha intama zazimiye z'umuryango wa Israheli, kandi agakomereza mu banyamahanga kugira ngo bose ababumbire mu rwuri rumwe (reba Yh 10, 16). Yezu, haba mbere na nyuma y'izuka rye, asangiza ubutumwa bwe abigishwa be igihe ababwira ati: «Nimujye mu isi hose» (reba Lk 10, 3; Mk16, 15). Niyo mpamvu Kiliziya izakomeza kurenga imipaka yose, igasohoka

ubutarambirwa, nta gucika intege imbere y'ibibazo n'inzitizi, kugira ngo isohoze mu budahemuka ubutumwa yahawe na Nyagasani.

Mfashe uyu mwanya kugira ngo nshimire Abamisiyoneri b'ingeri zose, abagabo n'abagore, bakiriye impuruza ya Yezu Kristu bagasiga byose, bakajya iyo gihera kure y'ibihugu byabo bakajyana Inkuru Nziza aho itaragera, cyangwa itarashinga imizi. Nshuti nkunda, ubwitange bwanyu, ni ikimenyetso kigaragara cyo kwitangira ubutumwa mu mahanga Yezu yahaye abigishwa be agira ati: «Nimugende! Mwigishe amahanga yose» (Mt 28, 19). Dukomeze rero gusenga kandi dushimira Imana ku mpamvu y'abantu benshi bagenda bakira umuhamagaro w'iyogezabutumwa, mu guharanira ko Ivanjili ya Kristu igera kuri buri muntu, aho aherereye ku isi.

Kandi ntidukwiye kwibagirwa na gato ko buri mukristu ahamagariwe kugira uruhare kuri ubwo butumwa twese twahamagariwe, igihe ubuzima bwe buhamya Ivanjili ya Kristu aho ari hose; bityo rero, Kiliziya yose ntihweme kujyana na Nyagasani Yezu, we Mugenga wayo, ku isi hose. Ni byo, « ikibabaje cyane ni uko Yezu uri muri twe abamwakiriye, akomeza gukomanga ashaka gusohoka ngo agere no ku bandi, tugashaka kumwikubira. Akenshi birangira tubaye Kiliziya yifungiranye, itareka ngo Nyagasani asohohe, agere kuri

bose, ahubwo ikamufata nk’ “umwihariko wayo”, kandi nyamara yaraziye kugeza ubutumwa kuri bose, kandi akaba ari ryo yogezabutumwa aduhamagarira hamwe na we (*Discours aux participants au Congrès organisé par le Dicastère pour les laïcs, la famille et la vie*, 18 février 2023). Nimucyo, twese, ababatijwe, buri wese mu rugero rwe, duhagurukire icyarimwe, kugira ngo twongere dutangize urugendo nyogezabutumwa nka kera ubukristu bugitangira.

Tugarutse ku itegeko Umwami yahaye Abagaragu be muri uriya mugani, *kugenda* bijyana no *guhmagara* cyangwa mu yandi magambo, *gutumira*: «Muze mu birori» (Mt 22, 4). Ibyo bigaragaza urundi ruhande rw'ubutumwa bw'ingenzi Imana yaduhaye. Nk'uko dushobora kubitekereza, aba bagaragu batangaga ubutumwa bw'Umwami ku buryo bwihuse, ariko bakabutangana icyubahiro n'ubwitonzi. Ubutumwa bwo kugeza Ivanjili ku biremwa byose, bugomba uko byagenda kose, kwishushanya n'uwo. Abigishwa bogeza ubutumwa bamenyesha isi «ubwiza bw'urukundo rw'Imana rukiza rwigaragarije muri Yezu Kristu wapfuye akazuka» (Exhort. ap. Evangelii gaudium, n. 36), mu byishimo, ubuntu n'ubugwaneza arizo mbuto za Roho Mutagatifu (reba Gal 5,22) bakabikora nta gahato, nta gushaka abayoboke ku ngufu, ahubwo bakabikora begera abantu, bisanisha nabo mu

bukene bwabo, kandi bakabagaragariza impuhwe nk'uko Imana izitugaragariza.

2. Mu birori. Iyogezabutumwa rya Kristu na Kiliziya nk'ikimenyetso cy'umukiro dutegereje n'ibirori byo mu ngoma y'ijuru

Muri uyu mugani, Umwami asaba abagaragu gutanga ubutumire bwo kuza mu birori by'Umuhungu we. Ubu bukwe bushushanya ibirori byo mu ijuru. Ni ishusho y'umukiro w'iteka mu Ngoma y'Imana dukeshya ukuza muri twe kwa Yezu, Umukiza, umwana w'Imana, waduhaye ubuzima busagambye (reba Yh10, 10). Ubwo buzima bushushanywa n'ameza ateguwe neza «n'innyama z'ibinure na divayi iryohereye», mbese igihe Imana «izakuraho urupfu burundu» (reba Iz 25, 6-8).

Ubutumwa bwa Kristu bugomba gusohora, nk'uko yabitangaje mu ntangiriro z'ubutumwa bwe: «Igihe kirageze: Ingoma y'Imana iri hafi» (Mk 1, 15). Bityo rero, abigishwa ba Yezu, bahamagariwe gukomeza ubutumwa bwa Nyagasani n'Umwigisha wabo. Aha twakwibutsa inyigisho y'Inama Nkuru ya Vatikani ya II yerekeye inshingano za gitumwa za Kiliziya ziganisha ku bihe bizaza : «Iyogezabutumwa riri hagati y'Ukwigira umuntu kwa Jambo n'igihe azagarukira (...), kuko mbere y'uko Yezu agaruka ari ngombwa ko

Ivanjili yamamazwa mu mahanga yose» (Decr. *Ad gentes*, n.9).

Twibukiranye ko ishyaka ry'Iyogezabutumwa ryanze abakristu ba mbere ryari rishingiye ku mukiro bari bategereje ku muni w'ihindukira rya Nyagasani. Bari bashishikajwe no kumenyesha bose Inkuru nziza ya Kristu. Na n'ubu, ni ngombwa kugumana icyo cyerekezo cy'umukiro kuko kiduha imbaraga zo gushyira abandi Inkuru nziza mu byishimo by'uko Nyagasani ari hafi, no mu mizero y'umuntu ufite icyo arangamiye, mbese igihe twese tuzaba turi kumwe na Kristu mu birori byo mu bwami bw'Imana. Mu gihe isi idushukisha ibirori bitandukanye bisesagura, birimo ubwikunde, kwigwizaho imitungo, ubwibone, Ivanjili yo ihamagarira buri wese ibirori bya Nyagasani aharangwa ibyishimo, ubusabane, ubutabera, ubuvandimwe, byose mu mushyikirano w'Imana n'abavandimwe bacu.

Ubwo buzima bwuzuye, impano duhabwa na Kristu, tubusogongera mu birori by'Ukaristiya, Kiliziya ihimbaza ibibwirijwe na Nyagasani ubwe, imwibuka. Bityo ubutumire bwo mu birori byo mu ijuru dushyira buri wese, igihe twamamaza Ivanjili bujyana ku buryo budasubirwaho n'ubutumire ku meza matagatifu y'Ukaristiya aho Nyagasani adutungisha Ijambo rye, umubiri we n'amaraso ye. Nk'uko Papa Benedigito wa 16 yabitwigishije, «mu gitambo cy'Ukaristiya cyose

habera mu buryo bw'isakramentu ikoraniro ry'umuryango w'Imana rizabera mu ijuru. Ibirori by'Ukaristiya kuri twebwe bishushanya ibirori bihora iteka byo mu ijuru abahanuzi bavuze (Reba Iz 25, 6-9), kandi bivugwa no mu Isezerano Rishya nk' « ibirori bya Ntama » (Hish 19, 7-9) bigomba guhimbazwa mu byishimo *by'umushyikirano w'abatagatifujwe* (*Exhort. ap. post-synodale Sacramentum Caritatis, n.31*)

Kubera iyo mpamvu, duhamagariwe twese kumva no kubeshwaho n'Igitambo cy'Ukaristiya uko cyakabaye, mu mpande zacyo zose, ku buryo bw'umwihariko mu iyogezabutumwa no mu buzima buzaza. Kuri ibyo, mbisubiyemo ko tudashobora kwegera ameza matagatifu tutinjiye mu rugendo rw'iyogezabutumwa rikomoka ku Mana ubwayo, Yo ishaka kugera ku bantu bose (ibid. n.84). Ukwivugurura gushinze imizi mu isakramentu ry'ukaristiya, za Diyosezi nyinshi zishishikariza abantu ku buryo bushimishije nyuma y'icyorezo cya Covid, ni ishingiro mu gukangurira abantu kwitabira iyogezabutumwa ku wemera wese. Birakwiye rwose ko mu gitambo cya Misa twamamazanya ukwemera n'ishyaka aya amagambo: «Turamamaza urupfu rwawe Nyagasani Yezu, tugahamya n'izuka ryawe, kugeza igihe uzazira mu ikuzo»!

Muri icyo cyerekezo, muri uyu mwaka wahariwe gusabira imyiteguro ya Yubile, y'imyaka 2025 y'ugucungurwa kwacu, ndifuza guhamagarira buri wese, kurushaho kwitabira igitambo cya Misa n'isengesho dusabira iyogezabutumwa rya Kiliziya. Nk'uko yabibwirijwe n'Umukiza, Kiliziya ntihwema kwerekeza ku Mana, muri buri gitambo cy'Ukaristiya, isengesho rya Dawe uri mu ijuru isaba ngo : « Ingoma yawe yogere hose ». Ku bw'ibyo, isengesho rya buri muni, by'umwihariko igitambo cy'Ukaristiya, ritugira abagendana amizero bagana ubuzima buhoraho iteka, mu birori by'ubukwe Imana yateguriye abana bayo.

3. « Bose ». Iyogezabutumwa rigera kuri bose ry'Abigishwa ba Kristu na Kiliziya igendera hamwe mu butumwa

Igitekerezo cya gatatu ari nacyo cya nyuma kireba abatumirwa b'Umwami: «Bose». Nk'uko nabitinze ho, iyo «bose» ni ryo shingiro ry'Iyogezabutumwa. Nta muntu n'umwe ritagomba kugeraho. Mbisubiyemo «bose» Ubutumwa bwacu bukomoka mu mutima wa Kristu ushaka kwigarurira bose » (*Discours aux participants à l'Assemblée générale des Œuvres Pontificales Missionnaires*, 3 juin 2023). Na none muri iki gihe, muri iyi si yashegeshwe n'amacakubiri n'imyiryanu, Ivanjili ya Kristu ni ijwi, rituje ariko rifite imbaraga, rihamagarira abantu bose guhura, kwiyumva

nk'abavandimwe, no kwishimira ko buzuzanya mu byo batandukaniyeho. Imana ishaka ko « abantu bose bakira kandi bakamenya ukuri » (1Tim 2,4). Mu bikorwa byacu by'Iyogezabutumwa ntitugomba kwibagirwa na rimwe ko dutumwe kugeza Ivanjili kuri bose. Tukabikora mu buryo budahohotera abandi, ahubwo bikaba kubasangiza inzira igana ku byishimo, no kubereka icyerekezo cyiza kigeza ku munezero w'iteka.

Ubutumwa bw'Abogezabutumwa ba Kristu, bugomba kugera ku bantu bose, uko baba babayeho kose, cyangwa bitwara. Umugani w'ubukwe utubwira ko babisabwe n'Umwami abagaragu bahamagaye “abo bahuye nabo bose, abeza n'ababi” (Mt 22, 10). By'umwihariko abakene, ibirema, impumyi n'abacumbagira (Lk 14,21), bishaka kuvuga ko abasigaye inyuma n'abahejwe na sosiyete ari bo batumirwa b'imena b'Umwami. Ibirori by'ubukwe bw'Umwana wayo Imana yateguye, bitumiwemo buri wese kuko urukundo rwayo ruhebuje, irufitiye buri wese kandi ntirurobanura. “Kuko Imana yakunze isi cyane bigeza aho itanga Umwana wayo w'ikinege igira ngo umwemera wese atazacibwa, ahubwo agire ubugingo bw'iteka” (Yh 3,16). Buri wese muri twe, ni umugenerwa w'ubutumire bw'Imana bwo kugira uruhare ku ngabire yayo ivugurura kandi ikiza. Birahagije kwemera iyo mpano y'Imana duhabwa ku

buntu, ukayakira kandi ukemera guhindurwa na yo, bityo ikakubera umwambaro w'ubukwe (reba Mt 22,12).

Iyogezabutumwa rigenewe bose risaba ubwitange bwa buri wese. Niyo mpamvu tugomba gushyigikira ko Kiliziya igendera hamwe mu kwamamaza Ivanjili. Ukugendera hamwe ubwabyo ni ukwamamaza Ivanjili kandi no kwamamaza Ivanjili buri gihe ni ukugendera hamwe. Niyo mpamvu ubufatanye mu kwamamaza ubutumwa muri iki gihe bwihutirwa muri Kiliziya y'isi yose no mu madiyosezi. Nunze mu ry'Inama Nkuru ya Vatikani ya II n'abapapa bambanjirije, ndasaba amadiyosezi yose yo ku isi kwita ku Bikorwa bya Papa by'Iyogezabutumwa, kuko ari uburyo bw'ingenzi “butoza abakristu gatolika, kuva bakiri bato, kugira uruhare mu iyogezabutumwa ry'isi yose no kwegeranya inkunga ifasha kwita ku bihugu ngenerwa butumwa, buri hose bitewe n'icyo bakeneye”(Decr, *Ad gentes* n,38). Niyo mpamvu ituro ryo ku Munsu Mpuzamahanga w'Iyogezabutumwa ryo muri za kiliziya zose zo mu bihugu, ryoherezwa uko ryakabaye mu Kigega cya Papa cy' Ubufatanye, hanyuma Ibiro bya Papa bishinzwe kwamamaza ukwemera bikazarisaranganya, mu izina rya Papa, hakurikijwe ibikenewe mu butumwa bwa za kiliziya. Dusabe Nyagasani atuyobore, aduhe kuba

Kiliziya igendera hamwe kandi irushaho kwamamaza ubutumwa kuri bose.

Twisunge Bikira Mariya we dukeshya igitangaza cya mbere cya Yezu mu bukwe bw'i Kana mu Galileya (reba Yh 2,1-12). Nyagasani yahaye abakwe n'abatumurwa bose Divayi nshya kandi ihagije, bikaba byaragenuraga ibirori by'ubukwe Imana itegurira abantu bose ku ndunduro y'ibihe. Dusabe na none muri iki gihe ubuvunyi bwe bwa kibyezi bufashe abigishwa ba Kristu mu iyogezabutumwa. Tubifashijwemo n'iby'ishimo byo kuba hamwe n'Umubyeyi wacu Bikira Mariya, duhagurukane imbaraga n'urukundo, dushyire bose Inkuru nziza ya Kristu Umwami n'Umucunguzi wacu. Bikira Mariya Mutagatifu, inyenyeri iyobora abogezabutumwa udusabire.

Bikorewe i Roma, kuri Kiliziya ya Mutagatifu Yohani w'i Laterano kuwa 25 Mutarama 2024, umunsi mukuru w'ihinduka rya Pawulo Mutagatifu.

Papa Fransisko

Byahinduwe mu Kinyarwanda n'itsinda OPM-RWANDA